

TUMENYE BIBILIA**IKIGANIRO NO 0053**

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y’Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugezwaho nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Kuri wowe tutari kumwe, ndashaka kukubwira incamake y’ikiganiro cy’ubushize. Bene se wa Yosefu basubiye muri Egipta ku nshuro ya kabiri. Basubiyeyo kuko ibyo kurya bari bahashyeyo byari byashize. Nkwibutse ko muri iki gihe inzara yari ikiri yose mu bihugu byose. wibuke ko Yosefu arotorera Farawo inzozo; yamubwiye ko inzara izamara imyaka 7. Ntabwo nareka kuvuga kandi ko bene se wa Yosefu bari basize mwene wabo wundi witwaga Simiyoni. Ubwo bajyaga muri Egipta bwa mbere. Noneho basubiraye, bagiyeye bajyanye na murumuna wabo akaba n’umuherezzi wa Yakobo witwaga Benyamini. Bamaze kugera muri Egipta, Yosefu yagize ikiranga cyinshi kuko yari amaze kubona murumuna we ataherukaga, ariko arakomeza yihagararaho. Kugira ngo batamumenye. Maze kugira ngo arebe urukundo bene se bakundaga mwene nyina Benyamini; arabagerageza. Yasabye igisonga cye gushyira igikombe cye mu isaho ya murumuna wabo Benyamini. Nuko Yosefu amaze kubohereza iwabo, atuma cya gisonga kubakurikira ngo abafatire mu nzira bataragera kure. Bakiri kugenda cya gisonga cya Yosefu kirabahagaritsa, babashinje ko bibye Yosefu ikigombe cye kandi ko uwo bari bugisangane ari bufatwe agahinduka umuretwa mu gihugu cya Egipta. Yuda wari ubayoboye kandi yari yarasezanyije se ko azarinda Benyamini kugeza amugarukanye; arababwira ati; ntabwo dushobora kugirira nabi Databuja, ati; nimudusake uwo musangana igikombe cya Databuja mumusigarane. Yabivuze gutya kuko yari yiringiye yuko ntawatwaye icyo gikombe cya Yosefu. Nuka basaka buri wese; maze cya gikombe bagisanga mu isaho rya murumuna wabo Benyamini, uwo se Yakobo yari yihanangirije, ko bagomba kumurinda ngo ntihagire icyamubaho nka mwene se Yosefu wari waraburiwe irengero. Ntabwo byari byoroshye kuri Yuda. Yabuze icyo gukora igihe bafatanaga iki gikombe Benyamini. Nuko cya gisonga kijyana Benyamini ariko Yuda na bene se basubira muri Egipta banga gutaha batajyanye na murumuna wabo.

Twasoje ikiganiro cy'ubushize, Yuda ariho yinginga Yosefu ngo abahe Benyamini, kuko se Yakobo yari kwicwa n'agahinda iyo aba bahungu be basubira murugo batamugarukanye. Ese byaba byarangenze gute? Yosefu yaramubahaye cyangwa yaramugumanye?

Mu kiganiro cy'uyu muni nibwo turi bumenye neza uko byagenze. Ariko ukomeze wibuke kugeza iki gihe Yosefu yari ataribwira bene se. kuri bon a se Yakobo, Yosefu yari akarambo. Ariko muri Egipta Yosefu yari umuntu ukomeye.

Mu Itangiriro 44: 25-29 haravugaga ngo

"Data aratubwira ati 'Nimwongere musubireyo muduhahireyo utwo kurya.

Turamusubiza tuti 'ntitwasubiraye. Umuherezizi wacu nitujyana tuzamanuka tujyeyo, kuko tutabasha guca uwo mugabo iryera. Umuherezizi wacu tutari kumwe.

Data, umugaragu wawe aratubwira ati; muzi yuko umugore wanjye twabyaranye abahungu babiri, umwe akamvaho nkibwira ndashidikanya yuko yatanyaguwe n'inyamaswa nanjye nkaba ntakimubona,

Nimunkuraho n'uyu akagira ibyago, muzatuma imvi zanye zimanukana ishavu zijya mu kuzimu.' [itang. 44:25-29].

Ni ubwa mbere Yozefu yumva amagambo angana gutya, kubyerekeye ibyo babwiye se mbere yuko bagaruka muri Egipta. Kuko bene se babwiye se ko Yosefu yapfuye. Birumvikana ko Yosefu yahise atekereza ko se aho ari ababaye cyane.

Yakobo ni ubwo yari afite ukwizera ntiyari yuzuye neza. Kuko arumva ko kubura umwana we byatuma na we apfa. Kandi ibyo abakristo barabikora cyane. Ugasanga bamwe muri twe bacitse integere cyane kubwo kubura umwe mu muryango wacu. Ariko niba uri umu kristo koko; ugomba kwizera ko nyuma y'urupfu tuzongera tukabonana. Ku batizera inyuma y'ubu buzima bwo mu isi, nta byiringiro bafite byo kongera kuzabaho. Ariko ku bizera inyuma y'urupfu hari ubundi buzima. Ese nshuti yanjye wowe umunsi wapfuye ufite ibyiringiro byo kuzabaho? Ni byiza ko utangira gute gusa aho uzaba igihe uzaba umaze kuva muri ubu bugingo. Niba wifuza kuzabana n'Imana, izere Umwami Yesu kuko ni We nzira izakugeza mu ijuru yonyine. Ibi binyibukije igihe nigeze kurwara bikomeye. Ngera igihe ntangira kuruka amaraso. Abari bandwaje babonaga

ko birangiye, ndetse bamwe batangiye kurira. Bavuga bati arapfuye, arapfuye Mana tabara! Ariko nshuti yanjye ndakubwiza ukuri ko nubwo nari mbabajwe n’umubiri, mu mutima nari nezerewe cyane. Nuko nkirimo kuruhuka, amenyo yanjye yose yahindutse umutuku, kubera amaraso mbwira uwari undwaje nti; nubwo napfa aka kanya mfite ibyiringiro ko njya mu ijuru. Imana ishimwe ko nkiri muzima. Ariko ntabwo ntinya urupfu kuko nakiriye Yesu. Nawe numwakira uzarama iteka ryose inyuma y’ubu buzima.

“Nuko none najya kuri data umugaragu wawe tutari kumwe n’uwo muhungu,

Data akabona tutazanye yapfa, kuko ubugingo bwe bwiboshye ku bw’uwo muhungu twabwira abagaragu bawe tukaba dutumye imvi za data umugaragu wawe, zimanukana ishavu zijya mu kuzimu” [Itang 44:30–31].

Yuda yibanze cyane kuri se, ni umuvugizi wa bene se ariko ndatekerezaga ko nabo bashoboraga kuvuga batyo.

Kuko jyewe umugaragu wawe nishingiye uwo muhungu kuri data nti “Nintamugushyikiriza, nzaba ngukoreye icyaha data, kitazamvaho iteka.

Nuko noneho ndakwinginze, databuja jyewe umugaragu wawe ngume mu cyimbo cy’uwo muhungu, ndi imbata yawe, kandi uwo muhungu atahane na bene se.

Nasubira nte ngo njye kuri data, ntari kumwe n’uwo muhungu? Ne kureba ibyago bizagera kuri data.” [Itang. 44:32–34].

Na none turabona Yuda yongera kuba umuvugizi wa bene se. Aho kugira ngo Benyamini abe umucaraka muri Egiputa; Yuda yemeye kujya mu cyimbo cye. Aba bahungu ba Yakobo batsinze ikizamini cya Yozefu. Kuko Yosefu yashakaga kureba urukundo bafitiye mwene nyina uko rungana.

Nshuti yanjye hari undi wagiye mu cyimbo cyawe nk’uko Yuda yagiye mu cyimbo cya Benyamini. uwo nta wundi ni Kristo, Intare yo mu muryango wa Yuda. “Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha (Abaroma 5:8). Twari abanyabyaha maze Yesu ajya mu cyimbo cyacu.

YOZEFU YIVUGA ,YOZEFU AZANA UMURYANGO WE MURI EGIPUTA.

Inkuru twari turi kuganiraho irakomereza muri iki gice cya 45 cyo mu Itangiriro. Yozefu agiye kwibwira bene se.

YOZEFU YIRONDORERA BENE SE

Yosefu ananirwa kwiyumanganya imbere yabo bahagararanye bose, ahubwo avuga cyane ati “Nimusohoke abantu bose bambise,” Ntihagira umuntu uhagararana na Yosefu yirondorera bene se.

Atera hejuru ararira Abanyegiputa barabyumva, abo mu nzu ya Farawo barabyumva. [Itang. 45:1-2].

Yosefu ntagishoboye kwihanga, atangira kurira cyane. Bene se ntibazi impamvu ndetse n’abagaragu be ni uko. Yosefu yiyeretse bene se arabibwira. Ibi biduha ishusho y’ukuntu bizaba bihebuje ubwo Yesu aziyerekana. Soma muri (Yohana 1:11), batubwira uko aziyereka bene wabo ba bayuda, abo yajemo ubwa mbere ntibamwemere. Kandi bazambaza bati ‘Izo nguma zo mu biganza wazikomerekejwe n’iki? Nawe azabasubiza ati ‘izi nguma zo mubiganza nazikomerekeye mu nzu y’inshuti zanjye’ (Zek. 13:6).

Yosefu abwira bene se ati “Ndi Yosefu, Data aracyariho?” Bene se bashaka icyo bamusubiza kirabura, kuko bahagaritswe imitima no kuba imbere ye. [Itang. 45:3].

Mu rurimi rwacu ndumva tutabasha kubivuga neza. Ibaze nawe mbere baramutinyaga batamuzi ubu se noneho aho bamumenyeye ntibyarushijeho? Ndatekereza ko bariho bahindishwa umushyitsi n’ubwoba kuko bashobora kuba; barahise batekereza ko giye kwihorera.

Yosefu abwira bene se ati “ndabinginze, nimunyegere” baramwegera aravuga ati; Ndi Yosefu mwene so, mwaguze ngo nryanwe muri Egiputa’. [Itang. 45:4].

Ati ndi mwene so. Ntarakaye, kandi ntashaka kwihorera. Uratekereza Yosefu muri aka kanya? Ese kuki adashaka kwihorera? Ese ibi ni bangahe babishobora uyu muni?

None ntimubabare. Ntimwirakaririre yuko mwanguze ngo nzanwe ino kuko Imana ariyo yatumye mbabanziriza ngo nkize ubugingoa bw’abantu. [Itang. 45:5].

Urabona ko Yosefu yabonaga ko ari umugambi w’Imana.

Inzara imaze imyaka ibiri mu gihugu, hasigaye indi myaka itanu, batazahingiramo ntibasaruriremo.

Kandi Imana yatumye mbabanziriza ngo ibabeshaho mugire icyo musiga mu isi, ibarokoze gukiza gukomeye.

Nuko none simwe mwanyohereje ino ahubwo ni Imana kandi yangize nka se wa Farawo n’umutegeka w’urugo rwose n’umutware w’igihugu cya Egiputa cyose. [Itang. 45:6–8].

Niba jyewe nawe twarabonye ukuboko kw’Imana; kuki tugikeneye kwihorera? Imyaka Yosefu yamaze yose yabonye ukuboko kw’Imana muri byose.

YOSEFU AHAMAGARA UMURYANGO WE MURI EGIPUTA

Nimwihute, muzamuke mujye kuri data mumubwire muti “Umwana wawe Yosefu ngo tukubwire ko Imana yamugize umutware wa Egiputa hose, manuka umusange ntutinde.

Kandi uzatura mu gihugu cy’i Gosheni, umube bugufi, wowe n’abana bawe, n’imikumbi yawe, n’amashyamba yawe, n’ibyo ufite byose. Kandi ngo azakugererera kuko hagsigaye imyaka itanu y’inzara, we gukenana n’inzu yawe n’ibyo ufite byose. [Itang. 45:9–11].

Yosefu akuye umuryango we I Kanani; awuzanye mu gice kiri ahantu heza muri Gosheni.

Kandi murirebera, na mwene mama arirebera, yuko ari jye ubyikuriye mu kanwa. [Itang. 45:12].

Ndibaza ko bari bahagaze barimo bumva ibyo Yozefu avuga, bakabifata nk’ibidashoboka ariko Yosefu yari akomeje kubyo yariho ababwira.

Kandi muzabwire data icyubahiro cyanjye cyose mfite muri Egiputa, muzamubwire ibyo mwabonye byose, kandi muzatebutse data mumuzane ino”

Yosefu ahobera mwene nyina Benyamini, begamirana amajosi ararira Benyamini aririra ku ijosi rya Yosefu. [Itang. 45:13-14].

Ni umwanya wo kumarana urukukumbuzi hagati ya Benyamini na Yozefu. Ni ukuri bombi bahoberanya bafite igishyika cyinshi!

Asoma bene se bose abaririraho, nyuma bene se baganira nawe. [Itang. 45:15].

Ubwa mbere; Bene se bari baguye mu kantu. Bagize ubwoba ko Yosefu ari bwihorere, ariko ubu bagaruye agatima. Bagiye gutangira kuvuga amateka yahise y'ibyabaye cya gihe bari I Dotani.

Inkuru y'ibyo igera kwa Frawo yuko bene se wa Yosefu baje, binezeza Farawo n'abagaragu be cyane. [Itang. 45:16].

Hari urusaku rwinshi mu nzu kwa Yosefu, kugeza ubwo Farawo abyumva hanyuma ashaka kumenya ibyo aribyo. Ndatekereza ko yabajije umwe mu bagaragu ba Yosefu ati; ni ibiki? Maze umugaragu akamubwira ko abo bagabo cumi n'umwe ari abavandimwe ba Yosefu. Kuki byanejeje Farawo wibuke ko Farawo na Yosefu bari basangiye ibisekuruza. Kuko muri icyo gihe Egiputa yayoborwa n'Aba Hyksos b'abaduwin, bakomoka mu butayu bwa Arabiya. Farawo byaramunejeje rero kuko ubwoko bwabo butangiye kuba bwinshi muri Egiputa. Dore ko aba Hyksos b'abaduwin batizeraga Abanyegiputa.

Farawo abwira Yosefu ati 'Bwira bene so ngo nimugenze mutya « muhekeshe indogobe zanyu imitwaro mugende mujye mu gihugu cy'i Kanani,

Muzane so n'abo mu ngo zanyu, muze iwe, ngo nawe azabaha ibyiza byo mu gihugu cya Egiputa muzarya ibirushaho kuba byiza byo mu gihugu.

Ndagutegetse kubabwira uti 'Nimugenze mutya « mujyane amagare yo mu gihugu cya Egiputa yo gushyiramo abana banyu bato n'abagore banyu, muzane na so muze ino. [Itang. 45:17–19]

Farawo yategetse ko bohereza amagare yo kuja gufata Yakobo se wa Yosefu; kandi aba bagabo ntibari bazi kuyatwara.

Kandi ntimwite ku bintu byanyu, kuko ibyiza byo mu gihugu cya Egiputa cyose ari ibyanyu [itang. 45:20].

Ntimuzane iby'ikirenga, nzabaha ibyo mukeneye.

Abana ba Isirayeli babigenza batyo. Yosefu abaha amagare nk’uko Farawo yategetse, abaha n’impamba.

Kandi uko bangana, aha umuntu wese imyenda yo gukuranwa, ariko aha Benyamini ibice by’ifeza magana atatu, amuha n’imyenda yo gukuranwa gatanu.

Na se amwohererereza izi ntashyo « indogobe cumu zihetse ibyiza bya Egipta, n’indogobe z’ingore cumu zihetse imyaka y’impeke, n’imitsima n’ibyo kurya bindi by’impamba bya se.

Nuko asezerera bene se bagenda ababwiye ati « Mwirinde ntumutonganire mu nzira »

Bava muri Egipta barazamuka, bagera mu gihugu cy’i Kanani kuri se Yakobo, baramubwira bati « Yozefu aracyariho niwe mutware w’igihugu cya Egipta cyose » Yakobo arakakara kuko atabemereye. [Itang. 45:21–26].

We ntiyiyumvishaga ko ibyo bamubwira ari ukuri

Bamubwira amagambo yose Yosefu yabatumye, abonye ya magare Yosefu yohereje kumuhagurutsa, umutima wa se wabo Yakobo urahembuka. [Itang. 45:27].

Nyuma umusaza Yakobo yaje kwemera atangira no kumva atinze kugera muri Egipta ngo yibonere umuhungu we yari yarabuze.

Isirayeli aravuga ati « Ni byo bizi ! Yosefu umwana wanjye aracyariho, ndajya kubonana nawe ntarapfa. » [Itang. 45:28].

Kumva ko Yosefu akiriho byatumye Yakobo amanuka ajya muri Egipta. Yatekerezaga ahari ko azasura umuhungu we maze ; amapfa yashira akagaruka. Ariko ntiyigeze agaruka keretse igihe yari amaze gupfa. Kuko yapfiriye muri Egipta bamujyana kumushyingura I Kanani.

Gusoza

Mbega inkuru nziza ishimishije ! kuva dutangira kumva amateka y’uyu muryango wa Yakobo. Twagiye tubona ko bagize amateka mabi gusa. Yakobo yabayeho ubuzima bwo kuriganya. Arongora abagore babiri kwa Labani. Kurongora abagore babiri bituma ahura n’ibibazo byinshi byatumye adaha uburere bwiza abana be. Yakobo ntiyigeze atoza abana be kubaho mu buzima

bwo kubaha Imana. Niyo mpamvu bakoze ibyaha byinshi kugeza ubwo bagambirira kwica mwene wabo. Imana yakinze akaboko irokora Yosefu, kandi ibikora kugira ngo yiheshe icyubahiro mu gihugu cy'abanyamahanga cya Egiputa. Yosefu rero nk'uko yari yarabirose yahindutse umutware muri Egiputa ateguka bakuru be. Iki gice kibaye cyiza cyane kuko Yosefu yatumye umuryango wa Yakobo unezerwa mu buryo butigizeho kubaho. Imana yakoreye muri Yosefu kugira ngo aba bahungu 12 ba Yakobo bagire ubumwe, kuko muri bo ni ho hagombaga kuzaturuka ishyamba rikomeye.

Nshuti yanjye n'ubwo ubona mu muryango wawe hari ibibazo byinshi. Ndagira ngo nkubwire ko niwizera Imana ukaba intangarugero mu b'iwanyu bose, ukambaza Imana izakumva. Kandi izakuraho ibyari imyirane byose mu muryango wawe !

Isengesho

Mana ndasengera imiryango itabanye neza. Birashoboka ko hari abana baaniye ababyeyi cyangwa ababyeyi batariho bitwara neza imbere y'abana babo. Ntibuzuze inshingano zabo. Ni ukuri basange ubakize, reka baguhindukirire bamenye ko muri wowe ariho umuryango ukura umunezero n'amahoro tutasanga ahandi. Urugo rwiza ntirwubakira kuri za karande, urugo rwiza rwubakwa iyo abagize umuryango bitondeye kandi bagakurikiza Ijambo rya We. Bakakwimika mu migambi yabo yose. Ngaho uzuzwa amahoro iyo miryango yose itameze neza nk'uko ubushake bwawe buri. Mu izina ry'Umwami wacu Yesu Kristo, amen !

Nshuti yanjye wakoze cyane kuntega amatwi, ntuzacikwe n'ikiganiro cy'ubutaha. Nzakubwira uko Yakobo yagiye muri Egiputa hanyuma akaza guhura n'umuhungu we Yosefu yari yarabuze.

Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane nawe